

A Husband, Wife, and Child


KURADUSENGE Divine

Pre-reading questions:

- What job do you want to have after you graduate?
- How will your studies help you get this job?

Once upon a time, there was a husband and wife. They were very poor. The wife's name was Macibiri, and the husband's name was Sabizeze. They had a child whose name was Cyuzuzo. Cyuzuzo was a child born with a **disability**. This disability made his parents look for a way to help him.

They had Cyuzuzo attend a **boarding school** for disabled children. He was very happy there.



Continued on page 96

Umugabo, umugore n'abana

KURADUSENGE Divine

Ibibazo bibanziriza umwandiko:

- Ese kazi ki wumva wazakora urangije amashuri?
- Ese ibyo uziga bizagufasha bite kubona ako kazi?

Kera habayeho umugabo n'umugore.

Bari abakene cyane. Umugore yitwaga Macibiri naho umugabo yitwa Sabizeze. Babyaye umwana bamwita Cyuzuzo. Cyuzuzo yari umwana wavukanye ubumuga. Ubwo bumuga bwatumye ababyeyi be bamwinuba.

Bajyanye Cyuzuzo mu ishuri ry'abafite ubumuga bakiga bacumbikirwa. Yari ahishimiye cyane.



Komeza ku rupapuro rwa 97

However, whenever the school teachers took him to visit his parents, he became very sad. He looked at the house in which they were living and he became even sadder when he realized that they were the only poor people in that area.

The teachers who brought Cyuzuzo to his parents' home told him that they were going to build a very nice house for them.

His parents became very happy and then Cyuzuzo became happy too. In just a few days, they came and they built a very wonderful and big house.

The teachers promised to continue to support them by giving them whatever they would need. They also helped Cyuzuzo to attend sixth grade classes at another school. Cyuzuzo learned how to speak English at the age of thirteen.

After he completed primary school, Cyuzuzo went to secondary school and became one of the best students.

One day, when he was at home, he met some people from a foreign country who gave him information about how he could get a **scholarship**.

Continued on page 98

Nubwo byari bimeze bityo, ubwo abarimu bari bamujyanye gusura ababyeyi be, yarababaye. Areba inzu bari batuyemo bituma ababara byisumbuye ubwo yari abonye aribo bantu b’abakene cyane muri ako gace.

Abarimu bari bazanye Cyuzuzo gusura ababyeyi bamubwira ko bagiye kububakira inzu nziza cyane.

Ababyeyi be barishima cyane ndetse na Cyuzuzo nawe arishima. Mu minsi mike, baragarutse maze babubakira inzu nziza cyane kandi nini.

Abarimu babasezeranya gukomeza kubafasha babaha ibyo bifuzwa byose. Nanone, bafasha Cyuzuzo kujya mu mwaka wa gatandatu ku rindi shuri. Cyuzuzo yiga kuvuga icyongereza ku myaka cumi n’itatu.

Arangije amashuri abanza, Cyuzuzo ajya mu ishuri ry’isumbuye maze aba umwe mu banyeshuri batsinda cyane.

Umunsi umwe, ubwo yari ari mu rugo, ahura n’abantu bo mu kindi gihugu bamuha amakuru y’ukuntu yabona buruse.

Komeza ku rapapuro rwa 99

Cyuzuzo went to the foreign country to study medicine. He studied hard and was able to successfully graduate. When he came back home, his parents organized a celebration. Cyuzuzo told them that what he had accomplished was due to his parents' and friends' advice. After a while, he became a very famous doctor, which made his parents and his country very proud of him.

Children, if you work hard in your studies you can find success and happiness.

Translated into English by MUNYANEZA

Simon Pierre

Cyuzuzo ajya mu gihugu cy'amahanga kwiga ubuvuzi. Ariga cyane maze ashobora kurangiza amasomo atsinze. Agarutse imuhira, ababyeyi be bakoresha umunsi mukuru. Cyuzuzo ababwira ko ibyo yagezeho ari ukubera inama z'inshuti n'ababyeyi. Nyuma y'igihe, ahinduka umuganga ukomeye uzwi, bituma ababyeyi be n'igihugu cyose bamwishimira.

Bana, nimwiga cyane muzagira amahirwe yo gutsinda no kwishima.

Byahinduwe mu Cyongereza na MUNYANEZA
Simon Pierre



A Readers Theatre class practicing their dialogues together in front of the class.